December, 2022

# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

Amakuru yaranze Ukuboza, 2022

www.nyamagabe.gov.rw



Gusoza ibikorwa by'ukwezi kwa Police....Page 3



Kuzamura ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Karere.... Page 5

## PEREZIDA KAGAME NA MADAMU BASHIMYE UMUTIMA WO GUKUNDA IGIHUGU WARANZE NYIRAMANDWA

Perezida wa Republika Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bihanganishije umuryango wa Nyakwigendera Mukecuru Nyiramandwa Rachel witabye Imana maze bashima gukunda Igihugu, ubutwari n'ubudaheranwa byamuranze.

Nyiramandwa Rachel yitabye Imana mu ijoro rishyira ku wa 30/12/2022 nyuma yo kumara iminsi arwariye mu Bitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB).

Yari azwi nk'inshuti ya Perezida wa Repablika kuko no ku wa 26/08/2022, Perezida wa Repablika yamusuye iwe mu rugo.

Inkuru irambuye: Page 2




Ubutumwa Madamu Jeannette Kagame yanyujije kuri Twitter

# Perezida Kagame na Madamu bashimye ubudaheranwa bwaranze Nyiramandwa

Perezida wa Republika Paul Kagame na Madamu we Jeannette Kagame bunamiye Nyakwigendera Nyiramandwa Rachel witabye Imana mu ijoro rishyira ku wa 30/12/2022.

Mu muhango wo kumushyingura ku wa 31/12/2022, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yasomye ubutumwa bwa Nyakubahwa Perezida wa Republika bwo kwifatanya n'umuryango wa Nyakwigendera.

Guverineri Kayitesi yagize ati "Nyakubahwa Perezida wa Republika Paul Kagame n'umuryango we bababajwe no kumenya inkuru y'akababaro y'urupfu rwa Nyakwigendera Nyiramandwa Rachel. Nyakwigendera Nyiramandwa Rachel azibukirwa ku mirimo myiza ya kibyeyi ndetse no guhora yifuriza ineza Igihugu cyamubyaye nk'uko yagiye abigaragaza mu biganiro bye ndetse no mu minsi ye ya nyuma.



*Nyakwigendera Nyiramandwa Rachel yashyinguwe ku wa 31/12/2022*

"Mu izina rye bwite n'umuryango we, Nyakubawa Perezida wa Republika aramenyesha umuryango wa Nyiramandwa Rachel ko bifatanyije nabo kandi awifurije gukomera muri ibi bihe by'akababaro. Imana imuhe iruhuko ridashira".



Ku wa 26/08/2022, Perezida Kagame yasuye Nyiramandwa iwe mu rugo, mu Kagari ka Ngiryi, Umurenge wa Gasaka




Abinyunyujije kuri Twitter, Madamu Jeannette Kagame yagize ati *"Mubyeyi mwiza, Nyiramandwa Rachel, Ubupfura, ubudaheranwa no gukunda u Rwanda byakuranze, byanyuze benshi. Ruhukira mu mahoro."*

# Nyamagabe: Hatashywe ibikorwa Police yubakiye abaturage

Ku wa 16/12/2022, mu Karere ka Nyamagabe habereye umuhango wo gusoza ibikorwa by'ukwezi kw'ibikorwa bya Police bikorwa buri mwaka maze hatahwa inzu, irerero n'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba Police yahaye abaturage.

Ni igikorwa cyayobowe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Jean Claude Musabyimana wari hamwe n'Umuyobozi Mukuru wa Police, IGP Dan Munyuza; Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo; Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe; Umuyobozi Mukuru wa LODA n'abandi bayobozi.




Muri uyu muhango hatashywe inzu ebyiri muri eshatu zubatswe mu Karere ka Nyamagabe kandi zashyikirijwe ba nyirazo. Imwe iri mu Kagari ka Nyabivumu indi iri mu Kagari ka Nzega mu Murenge wa Gasaka. Batashye kandi irerero ry'incuke (ECD) ryubatswe kuri GS Kiyumba mu Murenge wa Cyanika.

Nyuma igikorwa cyakomereje mu Murenge wa Kitabi, Akagari ka Shaba ahari Umudugudu wa Kumuganza aho ingo zose ziwugize zahawe amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba.



Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yavuze ko Akarere gashima ibikorwa abaturage bagejejweho kandi hazakomeza gushimangirwa ubufatanye na Police mu iterambere.

Umuyobozi wa Police y'u Rwanda, IGP Dan Munyuza yavuze ko ibikorwa Police yagejeje ku baturage muri uku kwezi bigaragaza ko kandi igira uruhare mu bikorwa byose by'iterambere ry'abaturage.

Yagize ati "Dushishikajwe no kubaka umutekano, ubukungu, tugakomeza gutera imbere. Umutekano niwo nkingi y'amajyambere yacu nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Republika ahora abitwibutsa".

IGP Dan Munyuza yasabye abaturage kurwanya ibyaha bagakorana na Police na RIB mu kubirwanya kugirango umuryango nyarwanda ukomeze gutekana no gutera imbere.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Iguhugu yashimye abaturage ba Kitabi ko batemeye guha umwanzi icyanzu ubwo yateraga muri Nyungwe mu myaka yashize. Yasabye abaturage gukomeza kubumbatira umutekano no gushishikarira kwitabira umurimo.

Yagize ati "Ibikorwa byatashywe uyu munsi ni ibikorwa byiza, ibi ni iby'ibanze byunganira ibyo musanganywe kugirango mugire imibereho myiza. Mubifate neza bibagirire akamaro uri mu cyiciro cy'ubukene abihereho akore yiteze imbere".

# Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yasabye abaturage kwita ku kwicungira umutekano



*Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Jean Claude Musabyimana*

Ku wa 16/12/2022 Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Jean Claude Musabyimana yasabye abaturage gukomera ndetse no kwita ku mutekeno w'ibyagezweho.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yabivuze ubwo yarimo aganira n'abaturage b'Akagari ka Shaba mu Murenge wa Kitabi bari bitabiriye umuhango wo gusoza ibikorwa by'ukwezi kwa Police.

Minisitiri Musabyimana yabwiye abaturage ba Nyamagabe ko umutekano ari inkingi ikomeye maze abasaba gukomeza kuwimakaza kandi batangira amakuru ku gihe.

Ati" Ibi bice byagaragaye nk'icyanzu cy'abagizi ba nabi bahungabanya umutekano w'Igihugu bityo rero musabwe kuba maso".

Yavuze ko mu gihe umutekano w'Igihugu wahungabana ko n'ibyo bikorwa byagezweho nta gihe byamara bitangiritse maze abashishikariza kugira uruhare mu kubungabunga umutekano wabyo.

Mu gusoza ukwezi kw'ibikorwa bya Police, mu Karere ka Nyamagabe hatashywe inzu 2 muri eshatu zubatswe, hatahwa ECD yubatswe kuri GS Kiyumba mu Murenge wa Cyanika ndetse abaturage b'Umudugudu wa Kumuganza mu Kagari ka Shaba mu Murenge wa Kitabi bose bahabwa umuriro w'amashanyarazi.

Minisitiri yibukije abaturage ko bagomba gusigasira ibyo bikorwa kandi babibyaza n'umusaruro mu rwego rwo kwiteza imbere.



*Ingo z'Umudugudu wa Kumuganza mu Kagari ka Shaba mu Murenge wa Kitabi zose zahawe umuriro w'amashanyarazi.*

Minisitiri Musabyimana yibukije abaturage kwirinda ubuharike ndetse bakabukumira kuko iyo budakumiriwe bushobora kubangamira uburere bw'abana maze ejo hazaza habo hakangirika.

Uyu muhango kandi witabiriwe Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, KAYITESI Alice; Umuyobozi Mukuru wa Police, IGP Dan Munyuza; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Umuyobozi Mukuru wa LODA, ndetse n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

# Abayobozi baganiriye ku kuzamura ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi

Ku wa 13/12/2022, kuri Golden Monkey Hotel, abayobozi b'inzego zitandukanye mu Karere ka Nyamagabe bateraniye mu nama nyunguranabitekerezo ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Karere.

Iyi nama yitabiriwe n'Umuvunyi Mukuru, Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Abayobozi b'Akarere, abajyanama b'Akarere, Abayobozi b'Imirenge, inzego z'umutekano, amadini n'amatorero, abafatanyabikorwa n'abandi.





Umuyobozi w'Akarere yavuze ko mu ishusho iheruka y'uko abaturage ba Nyamagabe babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi, muri rusange Akarere kadahagaze neza asaba ko habaho kongera urukundo no gushyashyanira umuturage kuri serivisi ahabwa.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yavuze ko nk'abayobozi n'abafatanyabikorwa bari mu Karere ka Nyamagabe buri wese akwiye kwisuzuma akareba umusanzu yatanga kugirango ishusho umuturage afite ku Karere ihinduke kandi ibe nziza.

Mu ijambo ry'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere yavuze ko guhindura isura Nyamagabe ifite bishoboka cyane, yongeraho ko abayobozi n'abafatanyabikorwa bakwiye kwisuzuma bagafatanya igenamigambi, buri wese akareba uruhare rwe muri serivisi zihabwa umuturage.

Yagize ati "Ubumenyi, imyitwarire y'abantu, imitekerereze n'imikorere iyo bihuye bigira ireme ry'imitangire ya serivisi".

Umuvunyi Mukuru yibukije abayobozi gufata ibyemezo ku gihe mu gukemura ibibazo by'abaturage. Yasabye kandi abayobozi kwigenzura, kwigisha abaturage bakazamura imyumvire ndetse no gutuma abaturage bagirira icyizere abayobozi. Yasabye inzego zose kureba ahari ibyuho maze bakabikemura.



# Umuvunyi Mukuru yatangiye icyumweru cyo gukemura ibibazo by'abaturage

Ku wa 12/12/2022, Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye icyumweru cyo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bijyanye na ruswa n'akarengane.

Ni muri gahunda ngarukakwezi y'uru rwego aho abayobozi n'abakozi bafata icyumweru mu Karere bakajya kumva no gukemura ibibazo by'abaturage biba bitarakemuwe n'izindi nzego z'ubuyobozi.



Ubwo yatangizaga iki cyumweru mu Murenge wa Gasaka, Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine yibukije abaturage uburenganzira bwabo bwo guhabwa serivisi bakeneye kandi ntawe ubatse ikiguzi kuko serivisi zishyurwa zitangirwa ku rubuga Irembo kandi igiciro cyazo kikaba kizwi.

Yibukije abaturage ko atari byiza ko igihe bagize ikibazo birukankira mu nkiko ahubwo bakwiye kujya begera inzego z'ubuyobozi zibegereye zikabafasha mu buryo bw'ubuhuza ibibazo bigakemuka.

Ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand ndetse n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasaka, Umuvunyi Mukuru yakiriye ibibazo by'abaturage maze bafatanya kubikemura, ibitarakemukiyeho byahawe umurongo n'igihe bigomba kuba byakemutse.

## Minister Kayisire, WB delegation tour new classrooms constructed in Nyamagabe



Thursday 08th December 2022- the Minister in Charge of Emergency Management, Marie Solange Kayisire and World Bank Country Manager, Rolande Pryce visited activities being implemented under Jya Mbere, a WB funded Project.

The high officials were accompanied by the Executive Secretary of Southern Province, Parfait Busabizwa, Nyamagabe District Mayor Hildebrand Niyomwungeri, a delegation from UNHCR Rwanda other officials and partners.

They held a meeting at Nyamagabe District office and discussed achievements of Jya Mbere Project currently being implemented in Nyamagabe District.

Under Jya Mbere Project, 73 classrooms and 146 toilets have been constructed and equipped. The project also comprises two more projects in the offing which are rehabilitation and extension of Ngabwe-Ryarubondo water supply system and construction of Ryarubondo Cattle Market.



After the meeting, officials toured and inaugurated classrooms that were constructed in ES Mudasomwa, GS Gasaka and Don Bosco Nyamagabe TSS. The project intends to reduce overcrowding in classes for refugees and host communities.

# Abajyanama b'Akarere bifatanyije n'abana bafite ubumuga mu kwizihiza iminsi mikuru

Ku wa 27 /12/2022 abagize Inama Njyanama y' akarere ka Nyamagabe bifatanyije n'abana bafite ubumuga barererwa mu Kigo cy'ababikira kuri mu Murenge wa kitabi kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka wa 2022 no gutangira umwaka mushya wa 2023.

Abana bashyikirijwe ibyo kurya , ibikoresho by' isuku n'izindi mpano impano zitandukanye .



Uhagarariye iri shuri yashimiye Abajyanama ku gikorwa cy' urukundo bakoze .





## Investors explore opportunities in wheat cultivation



Tuesday, 20 December 2022- The Vice Mayor in Charge of Economic Development, Thaddée Habimana received different investors who visited Nyamagabe District in order to explore opportunities in wheat cultivation.

The Vice Mayor briefed them on opportunities seen in growing this crop in Nyamagabe and accompanied them on a field trip to most wheat growing sites located in Gatare, Buruhukiro, Uwinkingi, Nkomane and Kitabi Sectors.

## #RwandaWorks/ #URwandaMuKazi



Just because #RwandaWorks, Kigeme Cell of Gasaka Sector has become a hub of knowledge,.

#URwandamuKazi, Akagari ka Kigeme ko mu Murenge wa Gasaka kahindutse iwabo w'ubumenyi nk'uko bigaragara muri aya mafoto y'Ibigo by'amashuri.



# Abaturage b'Umudugudu wa Turyango, Akagari ka Suti bishimiye amazi meza begerejwe

Abaturage b'Umudugudu wa Turyango, Akagari ka Suti mu Murenge wa Mugano bishimiye ko begerejwe amazi meza.

Ni nyuma y'uko ku bufatanye na Water Aid Rwanda muri uyu mudugudu huzuye umuyoboro w'amazi ureshya na 4km.

Uyu muyoboro ugeza amazi meza ku baturage barenga 700, ufite amavomo rusange 8 yubatswe hagendewe ku kwegereza amazi meza abaturage.



*Abaturage begerejwe amazi asukuye*

Uyu muyoboro kandi wagejeje amazi kuri GS Turyango, ubu abanyeshuri n'abarezi kuri iri shuri bishimiye ko babashije kongera isuku mu kigo. Iri shuri rifite abanyeshuri 558.



Jeannette Musabyimana avuga ko mbere yo kwegerezwa amazi meza ubundi bavomaga mu bishanga no mu mibande bigatuma bakoresha amazi mabi yabateraga indwara zikomoka ku mwanda. "Ubu turishimye urabona ko tuvoma amazi meza"

Kuri GS Turango, abanyeshuri baravoma amazi meza bakabasha gukora isuku buri munsi mu mashuri



# Ibikorwa by'Igitondo cy'Isuku



Mu kwezi k'Ukuboza, mu Karere ka Nyamagabe hakomeje ibikorwa byahariwe Igitondo cy'Isuku bigakorwa buri wa kabiri w'icyumweru.

Ibi bikorwa byibanze ku gusukura ahahurira abantu benshi, gusibura inzira z'amazi, gutera indabo ku mihanda no kuharimbisha, kugenzura isuku mu mahoteri, resitora n'utubali n'ibindi bikorwa byimakaza isuku.







## TUVUGISHE/TWANDIKIRE

info@nyamagabe.gov.rw

3201

www.nyamagabe.gov.rw

@Nyamagabe

Nyamagabe District

Tubashimiye uko mwabanye natwe muri 2022, tubifurije umwaka mushya muhire wa 2023.

*Ubumwe bwacu nizo mbaraga zacu*